

MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



INTUMWA ZO MU GIHUGU CYA LIBERIA ZASUYE IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI

Tariki ya 20 Ugushyamba 2024, Itsinda ry'abayobozi bo mu Gihugu cya Liberia riyobowe na Minisitiri w'Uburungirire Hon. Gbeme H. Kollie ryasuye Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki. Mu rugendo rwabo mu Rwanda basuye Inzego zinyuranye za Leta. Mu Ihuriro bakaba bari bakeneye kumenya ubuvugizi bukorerwa abagore bo mu Mitwe ya Politiki n'uburyo bubakirwa ubushobozi, hagamijwe kuzamura umubare wabo mu Nzego z'ubuyobozi n'izifatirwamo ibyemezo (baganiyeye ku byo Ihuriro ryagezeho, amasomo bakuramo, n'ingero nziza z'ibikorwa).



Aba bashyitsi bakiriwe n'Umuvugizi Wungirije w'Ihuriro, Madamu UWITJE Clementine ari kumwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, Bwana GISAGARA Theoneste, hamwe n'abayobozi b'amashami mu Ihuriro.

Basobanuriwe ko Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ari urwego ruteganywa n'ingingo ya 59 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda. Rikaba ari urubuga Imitwe ya Politiki irigize ihuriramo, ikungurana ibitekerezo kuri politiki na gahunda z'Igihugu. Rikaba rigizwe n'Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda kandi yemeye kubahiriza ibiteganywa n'Amategeko Ngenyamikorere yaryo. Ihuriro ryubakira ubushobozi bw'Imitwe ya Politiki binyuze muri gahunda nyongera bushobozi zigenewe abayobozi n'abayoboze bo mu Mitwe ya Politiki.

Mu mikorere yaryo ya buri munsu Ihuriro riteza imbere ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye. By'umwihariko hakaba hari na gahunda zihariye zigenewe abagore bo mu Mitwe ya Politiki mu rwego rwo kubashishikariza kwitabira ibikorwa bya politiki no gutinyuka guhatanira kujya mu myanya y'ubuyobozi mu Mitwe ya politiki no mu nzego zifatirwamo ibyemezo.

Akaba ari muri urwo rwego, Ihuriro ryateguye Gahunda ihoraho yo kubaka ubushobozi bw'abagore bo mu Mitwe ya politiki (Women Political Leadership Program). Kuva icyo gahunda yajyaho mu mwaka wa 2013, hamaze guhugurwa abagore 13,847 baturuka mu Mitwe ya Politiki 11 igize Ihuriro. Ihuriro kandi rifite gahunda y'amahugurwa agenewe uruburako rwo mu Mitwe ya Politiki aho hahugurwa umubare ungana

w'abasore n'abakobwa. Hakaba hamaze guhugurwa abasore n'inkumi 1,477 muri bo 50.3 % ni igitsina gabo naho 49.7% bakaba ari igitsina gore.



Aba bashyitsi basobanuriwe ko mbere y'amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite yabaye muri Nyakanga 2024 ndetse n'ay'Abasenateri yabaye muri Nzeri 2024, Ihuriro ryateguye amahugurwa yihariye agenewe abagore bo mu Mitwe ya Politiki kugira ngo bagire ubumenyi ku buryo bwo kwiyamamaza n'uruhare rwabo muri ayo matora. Aya mahugurwa yitabirirwe n'abagore 198 bo mu Mitwe ya Politiki yose iri mu Ihuriro.

IHURIRO RIKOMEJE GAHUNDA YARYO YO KUBAKA UBUSHOBOZI BW'ABASHINZWE GUSHYIRA AMAKURU KU MBUGA ZA INTERINETI Z'IMITWE YA POLITIKI IRIGIZE

Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki, ryatangiyeye igikorwa cyo kubaka ubushobozi bw'abashinzwe gushyira amakuru ku mbuga za interineti z'Imitwe ya Politiki. Akaba ari muri urwo rwego, mu bihe binyuranye ryagiye ritegura amahugurwa agenewe abashinzwe gushyira amakuru ku mbuga za interineti z'Imitwe ya Politiki. Ihuriro risanzwe ritera inkunga yo gucunga imbuga za interineti z'Imitwe ya Politiki irigize.



Igikorwa cyo kubaka ubushobozi bw'abashinzwe gushyira amakuru ku mbuga za interineti z'Imitwe ya Politiki kijyana n'icyo kuvugurura kugira ngo zirusheho kujyana n'ibihe kandi zinogere abazisura n'abazishyiraho amakuru.

Amahugurwa yo muri iki gihembwe yabaye tariki ya 28 na 29 Ugushyamba 2024, abera ku cyicaro cy'Ihuriro, akaba yari agamije ibi bikurikira:

Gutuma imbuga za interineti z'Imitwe ya Politiki n'urw'Ihuriro zirushaho kugaragara neza zigakurura abazisura;

- Gutuma imbuga za interineti zirushaho korohera abazisura bazishakaho amakuru (user friendly);
- Gushishikariza Abayobozi b'Imitwe ya Politiki n'abandi bese bireba mu Mutwe wa Politiki kugira ishyamba ryo gushyiraho amakuru (content) ku bikorwa by'Umutwe wa Politiki no ku bikorwa by'Igihugu bigamije iterambere n'imibereho myiza y'abaturage no kuyatangaza ku mbuga za interineti z'Imitwe ya Politiki yabo;
- Gufasha Imitwe ya Politiki gukomeza kwitabira gukoresha ikoranabuhanga mu bikorwa bya Politiki.

Muri aya mahugurwa abashinzwe gushyira amakuru ku mbuga za interineti z'Imitwe ya Politiki bagejewe uburyo bushya ziteguye (web design) n'uburyo bazajya bazishyiraho amakuru.

Abitabiriyeye amahugurwa bashimye ko version ya **WordPress**, imbuga za interineti zateguwemo ari nshya, kandi yoroshye kuyikoresha, bityo gushyiraho amakuru (ayanditse, amafoto, amashusho n'amajwi) bikaba byorohereza akazi abazikoresha na editing ya buri kintu ikaba idasaba ubuhanga buhambaye. Abashinzwe gushyira amakuru ku mbuga za interineti z'Imitwe ya Politiki basabye ko igikorwa cyo kuvugurura izo mbuga cyakwihutishwa kugira ngo ibikorwa bishya by'Imitwe ya Politiki bijye bishyirwa ku mbuga zivuguruye (version nshya).

Abashinzwe gushyira amakuru ku mbuga za interineti z'Imitwe ya Politiki bagaragaje ko bakeneye ibikorwa bya ngombwa bibafasha gushyira amakuru kuri izo mbuga nka Camera, Laptop, na interineti ihagije,...). Basabye kandi kubona inyandiko nshya zireba Umutwe wa Politiki, kugira ngo zisimbure izishyamba zizamaze kuvugururwa (nka Logo nshya, amafoto mashya y'abayobozi b'Imitwe ya Politiki, amavu n'amavuko y'Umutwe wa Politiki, n'ibindi,...). Nyuma y'aya mahugurwa, Ihuriro risaba Imitwe ya Politiki korohereza abashinzwe gushyira amakuru ku mbuga za interineti z'Imitwe ya Politiki gushyira mu bikorwa inshingano zabo no gushyira buri gihe amakuru mashya kuri izo mbuga. Ihuriro rizakomeza kubaka ubushobozi bw'abashinzwe gushyira amakuru ku mbuga za interineti z'Imitwe ya politiki rikaba kandi rizyeye ko n'Imitwe ya Politiki izakomeza gushyiraho amakuru mashya (content) ashirwa ku mbuga zayo.

IHURIRO RYAHUGUYE ABAGIZE URWEGO RUSHINZWE IGENZURA RY'UMUTUNGO MU MUTWE WA POLITIKI

Mu rwego rwo gukomeza kubaka ubushobozi bw'abagize Urwego rushinzwe igenzura

ry'umutungo mu Mutwe wa Politiki, ku bufatanye bw'Ihuriro, Urwego rw'Umuvunyi n'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere(RGB), hateguwe amahugurwa agenewe abashinzwe urwo rwego. Ayo mahugurwa yabaye tariki ya 06 Ukuboza 2024, yitabirwa n'abagize Urwego rushinzwe igenzura ry'umutungo mu Mutwe wa Politiki, Ushinzwe Umutungo mu Mutwe wa Politiki ku rwego rw'Igihugu, n'umukozi uhoraho mu Mutwe wa Politiki; yitabirwe kandi n'intumwa ya SENA. Aya mahugurwa yabereye muri Hotel Olympic, iri mu Murenge wa Kimironko mu Karere ka Gasabo.

Abahagariye Ihuriro, RGB n'Urwego rw'Umuvunyi batanze ibiganiro mu guhugurwa



Amahugurwa yari afite intego zikurikira: Kwibutsa amahame n'amategeko agenga imicungire y'umutungo n'imari by'Umutwe wa politiki n'ingaruka zo kutayubahiriza; Kwibutsa inshingano n'imikorere by'Urwego rushinzwe igenzura ry'umutungo mu Mutwe wa Politiki;

Kugaragariza Imitwe ya Politiki uko ihagaze mu itangwa rya raporo n'anicungire y'imari n'umutungo by'Umutwe wa Politiki hashingiwe kuri raporo y'Urwego rw'Umuvunyi mu mwaka w'ingengo y'imari 2023-2024; Gufata ingamba zifasha gukomeza kunoza imicungire y'imari n'umutungo by'Umutwe wa Politiki.

Muri aya mahugurwa hatanzwe ibiganiro bitatu bikurikira:

Amahame n'amategeko bigenga imicungire y'imari n'umutungo by'Umutwe wa Politiki, n'ishusho y'imitangire ya raporo z'anicungire y'umutungo w'Imitwe ya Politiki mu mwaka wa 2023 – 2024; cyatanzwe n'Urwego rw'Umuvunyi; Inshingano n'imikorere by'Urwego rushinzwe igenzura ry'umutungo mu Mutwe wa Politiki; cyatanzwe n'Ihuriro;

Ingamba zifasha Imitwe ya Politiki gukomeza kunoza imicungire y'imari n'umutungo by'Umutwe wa Politiki mu rwego rwo gukorera mu mucyo; cyatanzwe na RGB.

Mu kiganiro cy'Urwego rw'Umuvunyi, hagaragajwe ko Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda iri mu bagomba kumenyekanisha umutungo ku Rwego rw'Umuvunyi nk'uko biteganywa n'ingingo ya 3 agace ka 8 k'Itegeko no 55/2021 ryo kuwa 29/8/2021 rigenga imenyekanishamutungo. Urwego rw'Umuvunyi rwagaragaje ko mu mahame agenga imicungire y'imari n'umutungo by'Umutwe wa Politiki, harimo: Kwandika umutungo n'imari by'Umutwe wa Politiki mu bitabo by'ibaruramari;

Kugaragaza mu nyandiko inkomoko y'umutungo n'imari by'Umutwe wa Politiki;

Kwirinda gucunga umutungo n'imari by'Umutwe wa Politiki nk'iby'umuntu ku giti cye;

Kwirinda ko abashinzwe gucunga umutungo n'imari mu Mutwe wa Politiki baba mu bagize Urwego rushinzwe igenzura ry'umutungo mu Mutwe wa Politiki.

Ku birebana n'ishusho y'imitangire ya raporo z'anicungire y'umutungo n'imari by'Umutwe wa Politiki mu mwaka wa 2023-2024, Urwego rw'Umuvunyi rwagaragaje ko igenzura ry'ibitabo by'ibaruramari mu Mitwe ya Politiki 11 yemewe mu Rwanda ryagaragaje ko umutungo wabonetse ndetse ukoreshwa nk'uko biteganywa n'amategeko. Urwego rw'Umuvunyi rukaba rwaragaragaje ko mu igenzura rwakoze rwasanze Imitwe ya Politiki yose yarashyizeho Urwego rushinzwe igenzura ry'umutungo n'imari mu Mutwe wa Politiki. Rukaba rushishikariza abagize urwo Rwego kuzuzanya neza inshingano zarwo, bagakora igenzura inshuro ebyiri mu mwaka kandi bagatanga raporo ku Nzego bireba, nk'uko amategeko abiteganywa.



Ikiganiro cy'Ihuriro cyibanze ku 'Inshingano z'Urwego rushinzwe igenzura ry'umutungo mu Mutwe wa Politiki n'imikorere yarwo'. Muri aya mahugurwa, hasobanuwe ko uru Rwego rufite inshingano zikurikira:

Kugenzura ko Imitwe ya Politiki ifite kandi ikora neza ibitabo by'ibaruramari bigaragaza uko ibyinjira n'ibisohoka bingana, ukanakora ibarura ry'imitungo yimukanwa n'itimukanwa;

Kugenzura inkomoko y'umutungo n'imari by'Umutwe wa Politiki;

Kugenzura imikoreshereze y'umutungo n'imari by'Umutwe wa Politiki;

Kugira inama Inzego z'Umutwe wa Politiki mu buryo bw'imikoreshereze myiza y'umutungo n'imari by'Umutwe wa Politiki;

Gukurikirana ko inama zatanze n'Urwego rushinzwe igenzura zashyizwe mu bikorwa mu gihe cyateganyijwe;

Kugenzura ko umutungo n'imari by'Umutwe wa Politiki ucunzwe neza.

Mu mikorere yarwo, Urwego rushinzwe igenzura ry'umutungo n'imari by'Umutwe wa Politiki rugomba:

kugira ahantu rukorera harufasha kuzuzanya neza inshingano zarwo;

kugira uburenganzira busesuye bwo kubona inyandiko n'andi makuru ya ngombwa yarufasha kurangiza neza inshingano zarwo;

kumenyeshya mu nyandiko urwego rugenzurwa igihe igenzura rizakorerwa mbere y' iminsi 14 uhereye igihe bakiriye urwandiko rubibamenyeshya;

gukora mu bwigenge mu gihe ruri mu nshingano zarwo;

gutanga raporo y'agateganyo ku rwego bireba, kugira ngo iganirweho n'inzego zombi, mbere y'uko hasohoka raporo ya nyuma;

gushyigurira inyandiko zigaragaza uburyo igenzura ry'umutungo n'imari by'Umutwe wa Politiki ryakozwe.

Abagize uru rwego kandi bagomba kurangwa n'indangagaciro zikurikira: kwanga umugayo; kugira ibanga ry'akazi; kurangwa n'ukuri; gukorera mu mucyo; kutabogama; gukorera mu bwisanzure; koroherana; kwirinda ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo; kubazwa no gusobanura ibyo ushinzwe.

Urwego rushinzwe igenzura ry'umutungo n'imari mu Mutwe wa Politiki rusabwa kuzuzanya n'izindi Nzego z'ubuyobozi mu Mutwe wa Politiki, rukwiye kandi kurangwa n'ubwubahane no gukorana neza n'izindi nzego.

Ku birebana n'imitangire ya raporo n'abo ishikirizwa, hasobanuwe ko raporo ya nyuma y'ubugenzuzi y'Urwego rushinzwe igenzura ry'umutungo n'imari mu Mutwe wa Politiki ishikirizwa Urwego rw'Ubuyobozi Bukuru bw'Umutwe wa Politiki. Raporo itangwa mu gihe y'iminsi mirongo ine n'itanu (45), ibarwa uhereye igihe igihembwe cyagenzwe kirangirira.

Ikiganiro cya RGB cyibanze ku 'Ingamba zafasha Umutungo wa Politiki gukomeza kunoza imicungire y'imari n'umutungo byawo mu rwego rwo gukorera mu mucyo, hagaragajwe izi zikurikira:

Buri Mutwe wa Politiki ukwiye gukora igenamigambi rinoze, ukanagira imihigo y'ibikorwa hakurikijwe ubushobozi bwawo kuko bituma ukorera ku ntego;

Buri Mutwe wa Politiki ukwiye gushyira mu mategeko ngamikorere yawo ingingo zirebana n'anicungire inoze y'umutungo w'Umutwe wa Politiki, ukanagira igitabo cy'uburyo bw'icungamunguto n'imiyoborere (Manuel de procedures administratives et financieres);

Kongerera ubumenyi abashinzwe imicungire y'imari n'umutungo mu Mutwe wa Politiki ku birebana n'ibaruramari, icungamutungo n'igenzura ryawo;

Gukoresha ikoranabuhanga mu micungire y'umutungo n'imari by'Umutwe wa Politiki;

Kugira urwego rushinzwe gukemura amakimbirane mu Mutwe wa Politiki rukora uko bikwiye;

Gushyiraho uburyo bwo kwigenzura mu Mutwe wa Politiki;

Kubahiriza uburyo bwo gushyiraho abayobozi mu Mutwe wa Politiki binyuze mu matora, hubahirizwa amategeko.

